# Inyigisho z'Ibanze za Bibiliya ku Bakristo bashya n'abakura

Umwanditsi, Charles "Chic" Shaver

Abakosoye igitabo, J. Wesley Eby na Miriam Williams

# IJAMBO RY'IBANZE KU MUNYESHURI

Ubu uri umukristo. Ukeneye kumenya uko wakura nk'umukristo. Uziga amasomo umunani avuga ku gukura nk'umukristo.

Iyigishe buri somo. Soma Bibiliya. Subiza ibibazo uko ushoboye. Hanyuma, uhure n'umwarimu wawe cyangwa umushumba wawe. Bazagufasha. Bazasubiza ibibazo utazi. Bazagufasha gusobanukirwa amasomo.

Uzabona umurongo wa Bibiliya wo gufata mu mutwe muri buri somo. Ukwiye kumenya iyo mirongo. Yifate mu mutwe. Iyo mirongo izagufasha gukura nk'umukristo.

Rimwe na rimwe, uzabona amagambo yanditse mu ibara ry'umukara, **nka gutya**. Ayo ni magambo cyangwa interuro ushobora kuba utazi. Ku mpera ya buri somo, uzabona urutonde rw'amagambo afite ubusobanuro bugufi.

Imana iragukunda cyane. Ishaka kuba Imana yawe. Ishaka ko wayimenya. Ushobora kuganira n'Imana. Ushobora kuyisaba kugufasha. Izagufasha gusobanukirwa. Izagufasha kumenya.

# IJAMBO RY'IBANZE KU MWARIMU

Hereza iki gitabo umukristo mushya akimara gukizwa, cyangwa nyuma yaho gato. Shishikariza uwo muntu gusoma amasomo no gusubiza neza ibibazo uko ashoboye. Saba uwo muntu kwiga isomo rimwe ku munsi. Gerageza gushaka igihe buri cyumweru cyo guhura n'umunyeshuri muganire ku isomo.

Niba Umunyeshuri adashobora kwisomera isomo, shaka igihe cyo gusomera hamwe amasomo no kuyaganiraho. Kuko ari byiza kwiga isomo rimwe ku munsi, birashoboka ko mwakwiga ibice birenze kimwe bya buri somo. Fasha Umunyeshuri gushaka Ibyanditswe muri Bibiliya. Musubirize hamwe ibibazo, reba neza ko Umunyeshuri yumva isomo mbere yo gukomereza ku rindi. (Ibisubizo bishoboka biboneka ku Mugereka.)

Isomo rya 1

# ABAKRISTO NI AB'IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

> Yesu yaravuze ngo, "Dore mpagaze ku rugi ndakomanga, unyumva wese agakingura nzinjira iwe" (Ibyahishuwe 3:20).

Kuri buri kibazo kiri hasi, shaka imirongo yavuzwe mu masomo muri Bibiliya cyangwa mu Isezerano Rishya. "Yohani 1:12" bisobanura Igitabo cya Yohani, igice cya 1, umurongo wa 12. Reba urutonde rw'ibitabo ruri ku ntangiriro ya Bibiliya. Uzahabona imibare y'amapaji ibitabo byose biherereyeho. Jya kuri iyo mibare ya paji aho ibitabo bitangirira. Shaka imirongo ya Bibiliya maze uyisome. Hanyuma soma muri nteruro n'ikibazo biri mu isomo. Andika ibisubizo mu magambo yawe bwite. Cyangwa ukoresha amagambo yo muri Bibiliya. (Imirongo yo mu Isezerano rya Kera yandikiwe wowe.)

1. Soma Yohani 1:12. Nakiriye Yesu mu mutima wanjye. Nizera ko Yesu Kristo ari Imana. Yesu ni Umukiza wanjye. Ndi umukristo. Mbese ibyo bisobanura ko ndi umwana w'Imana? (yego cyangwa oya)
2. Yesu ni inshuti y'abantu bose bamwakiriye. Yesu ashaka kwinjira mu mitima yacu. Ategereje kwinjiramo. Ariko tugomba kumusaba kwinjira. Soma Ibyahishuwe 3:20 maze usubize ibibazo biri hasi.
   a) Ni nde ushaka kwinjira mu mitima yacu?
   b) Ni nde wakwitaba ijwi rya Yesu?
   c) Ni iki Yesu ashaka ko nkora?
   d) Ni iki Yesu azakora ninkingura urugi rw'umutima wanjye?
   e) Wamaze gusaba Yesu Kristo kwinjira mu mutima wawe? (yego cyangwa oya)
   f) Ubu uri umukristo? (yego cyangwa oya)
3. Soma Luka 19:20. Yesu Kristo yaje gukiza abantu bayobye? (yego cyangwa oya)

**Abayobye** bisobanura umuntu wese utazi Yesu nk**'Umukiza.**

4. Soma Abanyaroma 3:23.
   a) Kuki abantu bayobye?
   b) Ni uko bakoze ibyaha? (yego cyangwa oya)
   c) Ni iki Abanyaroma 6:23 hasobanura iyo havuga ko "ibihembo" by'icyaha ari urupfu cyangwa bituzanira urupfu?
   d) Ibyo byaba bisobanura ko icyaha gitandukanya abanyabyaha n'Imana? (yego cyangwa oya)

**Abanyabyaha** bazaba i kuzimu nibapfa. Ariko, Yesu aha **abamwizera** impano **y'ubugingo buhoraho. Abizeye** bazaba mu ijuru nibapfa.

5. Soma Abanyaroma 5:8. Ni nde wadupfiriye tukiri abanyabyaha?
6. Shaka Igitabo cya 1 Yohani. Kiri ku mpera y'Isezerano Rishya. 1 Yohani ni rumwe mu nzandiko za Yohani. Si kimwe n'Igitabo cya Yohani. Soma 1 Yohani 1:9. Ni iki Imana izakora nitwatura ibyaha byacu?

**Kwatura** bisobanura kwemerera **Imana ko turi abanyabyaha**.

7. Ezayi 55:7 havuga ngo: "Umugome nareke imigenzereze y'ubugome, inkozi y'ibibi nireke ibitekerezo byayo bibi." Havuga kandi ngo: "Nibagarukire Uhoraho azabagirira impuhwe, nibagarukire Imana yacu izabaha imbabazi zisesuye." Bagomba kwihana ibyaha byabo. Subiza ibibazo biri hasi.
   a) Ni iki umugome akwiye kureka gukora?
   b) Akwiye kugenza ate ibitekerezo bye bibi?
   c) Ni iki Imana izakora nitwihana?
8. Shaka Abanyefezi 2:8-9. Ni ikihe gisubizo cy'ukuri? (a, b, cyangwa c) Ni ubuhe buryo bwo gukizwa haba kuri njye cyangwa ku wundi?
   a) Ngomba gukora imirimo myinshi.
   b) Ngomba kugerageza kwikiza.
   c) Ngomba kwizera Yesu Kristo kugira ngo ankize.
9. Soma Abanyefezi.
   a) Ni iki tugomba gukora nyuma yo gukizwa?
   b) Mbese imirimo myiza **yadukiza**? (yego cyangwa oya)
10. Ni nde tumenyera muri Yesu Kristo. (Yohani 14:6 na 14:9)
11. Soma 1 Yohani 5:13. Abizeye bashobora kumenya ko bafite ubugingo buhoraho? (yego cyangwa oya)
12. Soma Yohani 6:47.
    a) Umuntu wizera Yesu afite ubugingo buhoraho? (yego cyangwa oya)
    b) Ibyo bisobanura ko nzabaho iteka ryose? (yego cyangwa oya)
    c) Nimpfa nzaba he?
13. Urabizi ko uri umwana w'Imana? Niba ari yego, wambwira uko ubizi mu magambo yawe bwite?

Yesu yaguhaye ubugingo bushya. Uri umwana w'Imana. None, ni gute wakora nk'umukristo? Dore bumwe mu buryo bw'ingenzi bwagufasha gukura.

*Soma Bibiliya buri munsi.* Soma Matayo 4:4. Hanyuma, usome igice kimwe mu Gitabo cya Yohani buri munsi. Aya masomo arimo ibibazo byo mu Gitabo cya Yohani n'ibyo mu bindi bitabo bya Bibiliya. Iga umurongo wo gufata mu mutwe wa buri somo. Fata mu mutwe buri murongo.

*Senga buri munsi.* Vugana n'Imana. Nta magambo yihariye usabwa kuvuga. Vugana n'Imana nk'uko wavugana n'inshuti yawe nziza.

*Jya gusenga kenshi gashoboka.* Jya mu itorero ryigisha ibiri muri Bibiliya. Jya mu itorero ribwiriza Yesu. Ugomba kubana n'abandi **bakristo**. Bazagufasha kubaho ku bwa Yesu.

*Umvira Imana.* Saba Imana kugufasha. Izakubwira icyo ugomba gukora. Izavugana nawe binyuze muri Bibiliya. Izavugana nawe uri mu rusengero Niwibaza icyo gukora, ujye wibaza uti, "Yesu yari kubigenza gute?" Igisubizo kizagufasha kumvira Imana.

*Hamya mu bandi bantu.* Bwira abandi icyo Yesu kristo yagukoreye. **Hamya** mu bandi bantu ko uri **umukristo**.

Noneho, ushobora gusobanukirwa neza umukristo uwo ari we. Iyi ni intangiriro y'ubuzima bwawe bwa gikristo. Haracyari byinshi byiza uzamenya!

**URUTONDE RW'AMAGAMBO**

1. abizeye (*izina*): abantu bizera Yesu Kristo nk'Umukiza wabo; abantu bakiriye Yesu mu mitima yabo; abantu bose b'abakristo.
2. umukristo (*izina bwite*): umuntu wihannye ibyaha akizera Yesu; umuntu ukurikira Yesu Kristo akamwumvira.
3. kwatura (*inshinga*): bwira Imana ko ubizi ko uri umunyabyaha; bwira Imana ibyaha byawe n'ibitekerezo n'ibikorwa byawe bibi.
4. ubugingo buhoraho (*izina rirerire*): ubugingo Imana itanga; ubugingo bwo kubana n'Imana muri iki gihe no kubana na yo iteka ryose mu ijuru.
5. kubabarira (*inshinga*): kudahana umuntu kubera ibitekerezo n'ibikorwa bye bibi; (Imana itubabarire ibyaha kandi ikabyibagirwa iyo twihannye.)
6. ijuru (*izina*): iwabo w'abakristo aho baba bamaze gupfa.
7. ikuzimu (*izina*): aho abanyabyaha bahanirwa bamaze gupfa.
8. mu mutima wanjye, mu mitima yacu (*indangahantu*): imbere mu muntu; hagati y'abantu; (umutima ukubiyemo ibitekerezo, ubushake, n'ibyifuzo by'umuntu.)
9. uwayobye (*ntera*): kutamenya inzira ijya ku Mana; kutagira ibyiringiro by'ubugingo buhoraho; kutamenya Yesu Kristo nk'Umukiza.
10. kwihana (*inshinga*): gusaba Imana kukubarira ibyaha; guhindukira ukava mu byaha ukagarukira Imana.
11. gukiza (*inshinga*): kubohorwa ibyaha; (Yesu Kristo adukiza cyangwa adukuraho ibyaho byacu. Nuko rero, adukiza igihano cyo kujya ikuzimu.)
12. Umukiza (*izina bwite*): Yesu Kristo; udukiza ibyaha.
13. gucumura (*inshinga*): ibyaha (*izina*): gukora ibikorwa bibi no kugira ibitekerezo bibi; kutumvira Imana; ibitekerezo cyangwa ibikorwa bibi.
14. umunyabyaha (*izina*): umuntu utumvira amategeko y'Imana; umuntu ukora ibyaha.
15. guhamya (*inshinga*): kubwira abantu Yesu Kristo; kuvuga ibyo Yesu Kristo yagukoreye.

Isomo rya 2

# ABAKRISTO BAGENDANA N'IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

> "Ntimwigeze muhura n'**ikigeragezo** na kimwe kidasanzwe mu bantu. Imana ni indahemuka, ntabwo izatuma mugeragezwa n'ibiruta ibyo mwabasha **gutsinda**." (1 Abanyakorinto 10:13).

Abakristo bashya bameze nk'impinja mu buryo bumwe. Impinja iyo zimaze kuvuka zirakura. Abakristo bagomba gukura nk'abizeye Yesu vuba. Abakristo bakura iyo **bizera** Imana. Abakristo bakura iyo bumvira Imana. gukura kwacu tukwita, "kugendana n'Imana." Mika yaravuze ngo, "kwicisha bugufi no kugendana n'Imana yawe." (Mika 6:8). Mika yari **umuhanuzi** mu Isezerano rya Kera.

Shaka iyi mirongo ya Bibiliya kandi uyisome. Hanyuma usubize ibibazo mu magambo yawe bwite. Cyangwa, ukoreshe amagambo yo mu mirongo ya Bibiliya.

1. Igitabo cya Yohani kutubwira kugendana n'Imana.
   a) Soma Yohani 8:12. Mbese abakristo baba cyangwa bagendera mu mwijima? (yego cyangwa oya)
   b) Imana ishaka ko tugendera mu mucyo utanga ubugingo? (yego cyangwa oya)
   c) Soma Yohani 1:37. Ni nde abakristo bagomba gukurikira?
   d) Soma Yohani 2:5. Abakristo bakwiye gukora ibyo Yesu ababwira gukora byose? (yego cyangwa oya)
   e) Soma Yohani 5:14. Abakristo bakwiye kureka kumvira Imana?

2. Soma 1 Petero 5:8. Ni nde udashaka ko tugendana n'Imana?

3. Soma Matayo 4:1. Ni iki **umwanzi** yakoze kuri Yesu Kristo?

4. Soma Abeheburayi 4:14-15. Bibiliya ivuga ko Yesu yageragejwe. Mbese Yesu yatsinzwe n'ibigeragezo? (yego cyangwa oya)

> **Ikigeragezo** n'icyaha si bimwe. **Ikigeragezo** ni ugushukwa cyangwa guhamagaririrwa gukora ikibi. Icyaha ni ugukora ikibi. Mbese **ikigeragezo** ni icyaha? (yes or no)

5. Dukwiye gusenga Imana igihe **umwanzi atugerageje**. Turwanya **umwanzi** tubifashijwe n'Imana. Soma Yakobo 4:7. Ni iki ukwiye gukora igihe **umwanzi akugerageje**?

6 Soma Yakobo 4:17 na 1 Yohani 3:4. Icyaha ni iki?

7. Ezayi 59:2 havuga ngo, "ahubwo ni ibicumuro byanyu byabatandukanyije n'Imana yanyu." Mbese ibyaha byanjye bintandukanya n'Imana? (yego cyangwa oya)

8. Soma 1 Yohani 3:9.
   a) Ni iki uyu murongo wa Bibiliya usobanura kuri wowe?
   b) Mbese umwana w'Imana akomeza gucumura?

9. Soma 1 Abanyakorinto 10:13. Ni iki Imana idusezeranya? (a cyangwa b)
   a) Imana izamfasha kurokoka **ikigeragezo**. Izamfasha kudatsindwa n'**ikigeragezo**.
   b) Imana ntizamfasha kurokoka **ikigeragezo**. Ntizamfasha **ningeragezwa**.

10. 1 Yohani 2:1 havuga ko ari Yohani wanditse iki gitabo. Kuki Yohani yanditse iki gitabo?

11. Soma 1 Yohani 2:1 nanone. Abakristo ntibakwiye gukora ibyaha. Ni ikihe gisubizo cyiza kuri iki kibazo (a, b, c, cyangwa d)? Mu gihe abakristo bahisemo gukora ibyaha, bakwiye:
    a) kuvuga ko badashobora kwirinda gucumura. Bakwiye kuvuga ko **umwanzi** ari we wabateye gucumura.
    b) kwitwara nk'aho batigeze bakora icyaha.
    c) kwaturira Yesu ibyaha no kwihana. Hanyuma bagakomeza kubaho ku bw'Imana.
    d) kureka kubaho ubuzima bwa gikristo. Bakwiye kumva ko badashobora kubaho ku bwa Yesu.
12. Soma 1 Yohani 1:9. Imana ntishaka ko dukora ibyaha. Ariko, niducumura izatubabarira? (yego cyangwa oya)

Iyo twatuye tukihana ibyaha byacu, iratubabarira.

13. Soma Yohani 14:21. Iyo twumviye Yesu tuba tumweretse iki?
14. Soma Yohani 10:27-28. "Intama" zivugwa muri uyu murongo zisobanura abakristo. Ni nde ufite ubugingo buhoraho?

Yesu ni we Mushumba Mwiza wita ku ntama. Yesu azi umuntu wese w'umukristo. Ni ingenzi ko abakristo bakurikira Yesu Kristo? (yego cyangwa oya)

Noneho gendana n'Imana. Irinde **gutsindwa** n'ikigeragezo. Umvira Imana. Kurikira Yesu Kristo buri munsi.

### URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. umwanzi (*izina*): umwuka mubi **ugerageza** abantu ngo bakore ikibi; umwuka mubi ukomeye cyane; (umwanzi arwanya Imana.)
2. umuhanuzi (*izina*): umuntu uvugira Imana; (umuhanuzi aha abantu ubutumwa buvuye ku Mana.)
3. gutsinda (*inshinga*): kutagwa mu kigeragezo; (Gutsinda muri uyu murongo bisobanura gukomera mu Mwami. Gutsinda bisobanura kudacumura ku Mana.)
4. ikigeragezo, kugeragezwa (*inshinga*): kugerageza gushuka umuntu ngo acumure cyangwa akore ikibi.
5. ikigeragezo, ibigeragezo (*izina*): ikintu cyose gituma umuntu acumura cyangwa akora ikibi; igikorwa cyo gushukwa n'umwanzi; umwanzi agerageza gushuka umuntu ngo acumure.
6. kwizera (*inshinga*): kwizera Imana byuzuye; kugira ukwizera; kwemera mu buryo bwuzuye.
7. gutsindwa (*inshinga*): kunanirwa; kuvuga "yego" ku cyaha; gukora ibyo tutari dukwiye gukora.

Isomo rya 3

# ABAKRISTO BIGIRA KU MANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

"**Ibyo wavuze mbihoza ku mutima**, kugira ngo ntagucumuraho" (Zaburi 119:11).

Bibiliya Yera ni Ijambo ry'Imana. Itubwira umugambi Imana ifite ku buzima bwacu. Itubwira umugambi Imana ifite kuri iy'isi. Soma Bibiliya buri munsi kugira ngo umenye ukuri kw'Imana. Soma Bibiliya kugira ngo umenye amasezerano idufitiye.

Subiza ibibazo bakurikira mu magambo yawe bwite. Cyangwa, ukoreshe amagambo yo mu mirongo ya Bibiliya.

1. Soma Yohani 17:17. Mbese Ijambo ry'Imana ni ukuri?

**Ijambo ry'Imana** ni inyigisho atwigisha.

2. Soma 2 Timoteyo 3:16. Ni gute tumenya ko Ibyanditswe ari ukuri kw'Imana?

**Ibyanditswe** byose **byahumetswe n'Imana** cyangwa **byavuye mu kanwa** Kayo. Ibi bisobanura ko byavuye ku Mana. Imana yayoboye ibitekerezo by'abantu banditse Bibiliya.

3. Vuga icyo Ijambo ry'Imana cyangwa **Ibyanditswe** bizadukorera muri iyi mirongo ikurikira.
   a) Soma 2 Timoteyo 3:15. Mbese Ijambo ry'Imana rizatumenyesha agakiza? (yego/oya)
   b) Soma Yohani 15:3. Ijambo ry'Imana rizatunganya imitima yacu? (yego cyangwa oya)
   c) Soma Ibyakozwe n'intumwa 20:32. Mbese Ijambo ry'Imana rizaduha imbaraga? (yego cyangwa oya)
4. Ijambo ry'Imana ni ingenzi cyane ku bakristo. Shaka Yohani igice cya 8. Imirongo myinshi ivuga uko dukwiye gukoresha Ijambo ry'Imana.
   a) Soma Yohani 8:54-55. Yesu Kristo yari azi Imana, Se. Yesu yakoresheje iki Ijambo ry'Imana?
   b) Soma Yohani 8:37. Abantu bamwe ntibemera inyigisho ya Yesu. Nta mwanya bafite w'Ijambo Rye. Ibyo byaba bisobanura ko batumvira Ijambo ry'Imana? (yego cyangwa oya)
   c) Soma Yohani 8: 47. Uwizeye ni uw'Imana ntabwo ari uwa Satani. Abizeye bakoresha iki Ijambo ry'Imana?
   d) Mbese abizeye bumva icyo Imana ivuga? (yego cyangwa oya)
   e) Soma Yohani 8:31. **Umwigisha** azakoresha iki Ijambo ry'Imana?
   **f)** **Abigishwa** bazumvira Ijambo ry'Imana? (yego cyangwa oya)
   g) Soma Yohani 8:51. Ni gute twabona ubugingo buhoraho?
   h) Ni ngombwa kumvira **Ijambo ry'Imana**? (yego cyangwa oya)

Yesu yavuze ko yumviye Imana, Se. Yesu yumviye **Ijambo ry'Imana**. Dukwiye natwe kumvira Imana, Data.

5. Soma Yohani 14:23. Ni iki mba neretse Yesu iyo numviye inyigisho ze?
6. Soma Yohani 20:31.
   a) Mbee **Ijambo ry'Imana** ryanditse ritubwira Yesu, Umwana w'Imana? (yego cyangwa oya)
   b) Ni iki Yesu Kristo aha uwizeye?
7. Soma Abanyefezi 6:17. Umwanzi agerageza kuturwanya mu buzima bwacu bwa gikristo no gutuma dukora ibyaha.
   a) Ni iki twakoresha ngo dutsinde umwanzi?
   b) Inkota y'Umwuka ni iki?
8. Soma Matayo 4:4, 4:7, na 4:10.
   a) Yesu yasubije umwanzi gute?
   b) Kuki Yesu yakoresheje imirongo y'**Ibyanditswe**?
9. Soma Zaburi 119:10-11.
   a) Ni gute Bibiliya izagufasha kudacumura?
   b) Kuki dukwiye **gushyira Ijambo ry'Imana mu mutima**?
10. Ni ukuhe kuri ko mu Byanditswe kwagufashije?
11. Mbese Bibiliya yagufashije gukura nk'umukristo? (yego cyangwa oya)

Niba igisubizo cyawe ari "yego," wasobanura uko kuri mu magambo yawe bwite?

12. **Umwigishwa** wa Yesu akwiye gusoma no kwiga Bibiliya buri munsi. Watubwira impamvu mu magambo yawe?

Twize uburyo umukristo yigira ku Mana. Twamenye impamvu Bibiliya ari ingenzi ku **bigishwa**. Mu isomo rikurikira, tuziga ubundi buryo bw'ingenzi abakristo bakuramo.

### URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. umwigishwa (*izina*): uwizeye; umuntu ukurikira Yesu Kristo; umuntu ushaka kumenya byinshi byerekeye Yesu; umuntu ushaka kwiga Ijambo ry'Imana.
2. ibyahumetswe n'Imana (*ntera*): ibyavuye ku Mana.
3. Ijambo ry'Imana: (Reba Ijambo ry'Imana.)
4. ibyahumetswe (*ntera*): ibyavuye ku Mana; ibitekerezo by'Imana; (Imana yahumekeye mu bantu bejejwe bandika amagambo yayo.)
5. Ibyanditswe (*izina bwite*): Bibiliya; Ijambo ry'Imana; (Imana yafashije abantu bejejwe kwandika Ibyanditswe.)
6. nabitse amagambo yawe ku mutima (*interuro nshinga*): nizeye kandi numviye Ijambo ry'Imana; namenye kandi nasobanukiwe ibyo Imana yavuze muri Bibiliya.
7. Ijambo ry'Imana (*izina bwite rirerire*): Bibiliya Yera, **Ibyanditswe**; ukuri kw'Imana; ibyo Imana ibwira abantu.

Isomo rya 4

# ABAKRISTO BAVUGANA N'IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

> Yesu yaravuze ngo, "Kugeza ubu nta cyo mwigeze musaba mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa" (Yohani 16:24).

Abakristo bakwiye kuvugana n'Imana. irakomeye kuruta undi muntu wese wo mu ijuru cyangwa ku isi. Dukwiye kuvugana na yo buri munsi. Dukwiye gusenga mu gihe cyacu cyiza kandi buri munsi. Igihe cyiza ku bantu benshi ni mu gitondo kare. Tugomba kuvugana n'Imana turi ahantu hatuje. Dawidi wanditse Zaburi nyinshi, yaravuze ngo: "Uhoraho, buri gitondo ujye unyumva, buri gitondo nzajya ngusenga, ntegereze ko unsubiza." (Zaburi 5:4)

Ni iki kindi Bibiliya itubwira ku bijyanye no gusenga? Tuzamenya igisubizo muri iri somo. Subiza ibibazo bakurikira mu magambo yawe bwite. Cyangwa, koresha amagambo yo mu mirongo ya Bibiliya.

1. Soma Mariko 1:35. Yesu yasenze ryari?
2. Soma Luka 18:1. Yesu yavuze ko dukwiye gusenga kangahe?
3. Soma 1 Abanyatesaloniki 5:17-18. Ni iki dukwiye gukora igihe dusenga?

| |
|---|
| Dushimira Imana ku byo yakoze byose muri Yesu Kristo. |

4. "Iyo nza kugundira ibyaha byanjye, Nyagasani Imana ntaba yaranyumvise" (Zaburi 66:18).
   a) Kuki rimwe na rimwe amasengesho adasubizwa?
   b) Nkwiye gukomeza gucumura mu mutima wanjye? (yego cyangwa oya)
5. Soma 1 Yohani 5:14.
   a) Mbese uyu murongo utubwira uko dukwiye gusenga? (yego cyangwa oya)
   b) Ni gute dukwiye gusenga?

| |
|---|
| Dukwiye gusaba ibihuye n'ubushake bw'Imana. Ibi ni ingenzi ku bakristo bose. |

6. Tumenya ibyerekeye gusenga mu Gitabo cya Yohani.
   a) Soma umurongo wo gufata mu mutwe Yohani 16:24. Ni ayahe **mahirwe** abakristo bafite?
   b) Birashoboka ko abakristo basaba ikintu cyose mu izina rya Yesu? (yego cyangwa oya)

| |
|---|
| Ariko kandi, abakristo bakwiye gusenga kugira ngo hakore **ubushake bw'Imana**. |

   c) Soma Yohani 14:13. Yesu asubiza amasengesho yacu. Ibi bihesha nde icyubahiro?

| |
|---|
| Duha Imana Data **icyubahiro** ku byabaye. |

d) Soma Yohani 15:7. Ni iki dukwiye gukorera Yesu kugira ngo asubize amasengesho yacu?

Tugomba kugerageza **kuguma** muri Yesu igihe cyose. Imana izadufasha kubaho ku bwayo.

7. Soma Matayo 21:22. Ni iki ngomba gukora kugira ngo isengesho ryanjye risubizwe?

Ibi bisobanura ko ngomba kwizera Imana. Ngomba kwizera ko isubize amasengesho yanjye.

8. Soma iyi mirongo kandi utekereza ku bintu ushobora gusengera.
   - Matayo 6:11
   - Matayo 9:38
   - Abanyafilipi 1:9
   - 1 Timoteyo 2:2
   - Yakobo 1:5
9. Soma Matayo 26:41. Ni iki nakora igihe ngeragejwe gukora icyaha?

Imana izadufasha kudakora icyaha. Dushobora kuyisaba kudufasha.

10. Yesu ashaka ko dusenga gute? (a, b, cyangwa c) Yesu ashaka ko:
    a) Dukoresha amagambo meza y'**idini**.
    b) Tuvuga gusa amagambo yo muri Bibiliya.
    c) Tumubwira uko twiyumva mu mitima yacu.
11. Hari gahunda ugira y'amasengesho yawe? (yego cyangwa oya)
12. Ni gute wavugana n'Imana? Vuga gahunda y'amasengesho yawe mu nteruro imwe.

Gusenga ni **amahirwe** adasanzwe! Ushobora kuvugana n'Imana. Ifite ububasha bwo gusubiza amasengesho yawe. Imana iragukunda cyane. **Iguha umugisha** buri munsi. Iguhe umugisha w'ibintu byinshi. Kandi iguhe umugisha mu buryo bwinshi.

Noneho, hari icyo wakorera Imana. Iga isomo rikurikira kugira ngo umenye icyo wakora.

## URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. gutanga umugisha (*inshinga*): gutanga ibintu byiza; gufasha mu buryo bwihariye; kunezeza umuntu.
2. icyubahiro (*izina*): ishimwe, ikuzo, no kuramya.
3. amahirwe adasanzwe (*izina*): igikorwa cyangwa umurimo udasanzwe; (Isengesho ni kimwe mu mahirwe adasanzwe ku bakristo. Dushobora kuvugana n'Imana nk'uko tuvugana n'inshuti. Dushobora gusaba Imana Data ibyo dukeneye. Ni cyo gituma isengesho ari igikorwa cyangwa amahirwe adasanzwe ku bakristo.)

4. iby'idini (*ntera*): bisobanura ikintu cy'idini cyangwa cy'itorero; (dukoresha amagambo y'idini igihe tuvuga iby'idini cyangwa itorero.)
5. kuguma (*inshinga*): gusigara; gusigara ahantu hamwe; (muri uyu murongo, kuguma bisobanura kuba muri Kristo. Duhitamo kugumana na Kristo tutamuvaho.)
6. ubushake bw'Imana (*izina rirerire*): ibyo Imana ishaka ku bantu bose; (ubushake bw'Imana bwitwa kandi ibyo Imana ishaka.)

Isomo rya 5

# ABAKRISTO BASANGIRA N'IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

> "Ari ukurya ari ukunywa, cyangwa ari ugukora ikindi kintu cyose, mujye mubikorera guhesha Imana ikuzo." (1 Abanyakorinto 10:31).

Wasenga iri sengesho?

> Mana, ndakwizera rwose. Nizera ko wankijije. Nzagerageza uko nshoboye kugira ngo mbeho ku bwawe. Nifuza kukunezeza. Nifuza kugukorera. Nifuza gusangira nawe ibyo mfite byose. Nifuza **kukwiha** wese. Mbisenze mu izina rya Yesu. Amina.

**Intumwa** Pawulo yandikiye abakristo b'i Korinto urwandiko. Yababwiye gukora byose ku bw'icyubahiro cy'Imana. Ongera usome umurongo wo gufata mu mutwe. Tugomba kwibaza iki kibazo mu byo dukora byose: Mbese bihesha Imana **icyubahiro**?

1. Soma Matayo 22:36-40.
   a) Nkwiye gukunda Imana bingana iki?
   b) Nkwiye gukunda mugenzi wanjye bingana iki?
2. Soma 1 Yohani 5:2-3. Ni gute ngaragariza Imana urukundo? Ni gute ngaragariza abantu urukundo?
3. Yohani atubwira ibyo kubaho unezeza Imana.
   a) Soma Yohani 12:24-25. Bigenda gute kugira ngo akabuto k'ingano kere imbuto nyinshi?

> Ingano ikomeza kuba mu mbuto zayo nshya. Nkwiye kubaho ku bwa Yesu. Ariko, ngomba gupfa **ku by'isi**. Ngomba kureka **iby'isi**. ngomba kumvira Imana mu buryo bwuzuye. Yesu ampa ubugingo.

   b) Kuki nkwiye gukurikira Yesu no kumukorera? (Yohani 12:25)
   c) Sinkwiye kwikunda. Yesu yavuze ko Se azakorera iki umuntu wese uzakorera Yesu? (Yohani 12:26)
4. Soma 2 Abanyekorinti 5:17. Ubu ndi umukristo. Mfite imyitwarire mishya ku bantu bose no ku bintu byose. Ubu ndi mu muryango wande?

> Ndi uwa Kristo. Umuntu wa kera ntakiriho. Ubu ndi umuntu mushya muri Yesu. Mbona ibintu mu buryo bushya. Mfite imyitwarire mishya ku bintu byose.

5. Soma Luka 6:38. Noneho ndashaka kugira ibyo ndeka. Ni ibiki ntashaka kugumana?
6. **Intumwa** Pawulo yanditse uko dukwiye kwitwara. Soma Abanyefezi 4:28. Hanyuma usome ibintu biri hano hasi. Hitamo ibintu bitatu bikwiye kuranga **imyitwarire** yacu. (a, b, c, d, e, cyangwa f)
   a) Kutiba.
   b) Kuba umukozi mwiza.
   c) Kwirundanyirizaho ibintu. **Kwikunda**.

d) **Gusangira** n'abakene n'abatishoboye.
e) Kwiba mu gihe mbishoboye.
f) Kuba umunebwe. Kudakora.

| |
|---|
| Mbona abantu mu bundi buryo. Mfite **imyitwarire** mishya ku bandi bantu. |

7. Ni iki ngaragariza abantu iyo **mbagiriye impuhwe**? (Abanyefezi 4:32)
8. Soma 2 Abanyekorinti 6:14. Ni nde ntakwiye kwifatanya na we?

| |
|---|
| Ibi bisobanura ko ntakwiye kwemera ko banjyana mu byaha. Nibona mu bundi buryo. Nibonaho **imyitwarire** mishya. |

9. Soma 1 Abanyekorinti 6:19.
   a) Ni nde uri muri njye? Nuko rero, nkwiye kwita ku mubiri wanjye. Sinkwiye gukora ikintu cyababaza umubiri wanjye.
   b) Kuki nkwiye kubaho nirinda?

| |
|---|
| **Amahirwe** yose mbonye nkwiye kuyakoresha neza. (Abanyefezi 5:15 -16) |

10. Soma 1 Yohani 2:10. Ni nde nkwiye gukunda?

| |
|---|
| Ibi bisobanura ko nkwiye gukunda abantu bose. "Umuvandimwe wanjye" ni ukuvuga umuntu wese wo ku isi. |

11. Imana yaremye abantu bose. Noneho, soma 1 Yohani 2:15-16. Ni ibiki ntakwiye gukunda?

| |
|---|
| Sinkwiye gukunda **iby'isi**. Ngomba kugendera kure **iby'isi**. Ngomba gukunda Imana kuruta ibindi byose. |

12. Soma 1 Abanyekorinti 6:20. Kuki Imana ishaka ko **tuyiha icyubahiro** kandi tukayubaha?

| |
|---|
| "Twatanzweho ikiguzi". "Twatanzweho ikiguzi" bisobanura ko Yesu yapfuye kugira ngo adukize ibyaha. "Ikiguzi" ni urupfu rwa Yesu. |

13. Soma Matayo 6:33.
   a) Ni iki dukwiye kureba cyangwa gushaka kuruta ibindi byose?
   b) Ni iki kindi dukwiye gushaka cyangwa kwifuza?

| |
|---|
| Imana izaduha ibyo dukeneye. |

14. Soma Mariko 10:29-30. Abakristo bagomba gukurikira Yesu. Ni iki bazabona mu yindi **si**?

15. Wavuga mu nteruro imwe uburyo **wasangira** ubuzima bwawe n'Imana?

Noneho twamenye neza uko **twasangira** ubuzima bwacu n'Imana. Dushobora kandi gusangira ubuzima bwacu n'abandi bantu. Dukwiye kwitwara neza ku bandi kandi **tukabagirira impuhwe**. Ibi bizahesha Imana **icyubahiro**. Dushobora kandi kubwira abandi bantu ibya Yesu Kristo. Dushobora gukoresha **uburyo** bwose tubonye tukavuga Yesu. Ubutaha, tuziga uko twabwira abandi Yesu.

## URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. Intumwa (*izina bwite*): umuyobozi w'itorero rya mbere rya gikristo; umwigishwa udasanzwe cyangwa umuntu ukurikira Yesu Kristo.
2. imyitwarire (*izina*): igitekerezo, ibitekerezo, cyangwa uko umuntu yumva ikintu cyangwa umuntu; (Imyitwarire akenshi igenga ibyo dukora.)
3. umunyampuhwe (*ntera*): gukunda abandi bantu no kwita ku byo bakeneye; (Urugero: mu gihe abakristo bagaburiye abantu bashonje, baba ari abanyempuhwe.)
4. guha icyubahiro (*inshinga*): guha ikuzo, guhimbaza, cyangwa kubaha umuntu.
5. amahirwe (*izina*): amahirwe yo gukora ikintu.
6. gukiranuka (*izina*): kutagira icyaha, kwera, gutunganya, no kuba mwiza imbere y'Imana.
7. kwikunda (*ntera*): kubaho winezeza; kudatekereza abandi ugahora witekerezaho gusa.
8. gusangira (*inshinga*): gutanga ibyo mfite mbiha abandi cyangwa mbiha Imana.
9. iby'isi (*izina rirerire*): ikintu cyose cyangwa umuntu wese ukubuza gukurikira Yesu Kristo; (Iby'isi birimo imico mibi yangiza imibiri yacu. Harimo imyitwarire mibi ituma twitwara nabi. Harimo abantu batuma dukora ibyaha. Iby'isi birimo ikintu cyose gituma twibagirwa Imana.)

Isomo rya 6

# ABAKRISTO BAVUGIRA IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe:*

'Arababwira ati: "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu.'" (Matayo 4:19).

Hari umuntu wari ufite inshuti ye irwaye cyane. Nyuma, uwo muntu yabonye ya nshuti ye. Inshuti ye yari yakize. Yaramubwiye ngo, "nabonye umuganga wankijije". Wa muntu yabajije inshuti ye ngo, "yitwa nde?" Inshuti ye iramusubiza ngo, "sinarikubwira". Uwo muntu agenda ababaye. Kuko na we yashakaga guhura n'uwo muganga ukomeye.

Iyi ni inkuru. Ariko iyo nkuru hari abakristo itwibutsa. Rimwe na rimwe, abakristo ntibavuga Yesu Kristo. Yesu ashobora gufasha abantu bose. Ashobora kubakiza ibyaha. Abakristo bakwiye kubwira abandi bantu ibya Yesu. Umuhamya avuga ibyo Yesu yamukoreye.

1. Soma Luka 8:39. Yesu Kristo yakijije umuntu wari ufite imyuka mibi. Uwo muntu yabaye umuhamya mwiza. Ni iki uwo muntu yavuze kuri Yesu?
2. Igitabo cya Yohani cyitwigisha uko dukwiye **guhamya**. Soma Yohani 3:32. Hanyuma uhitemo igisubizo cyiza. (a, b, cyangwa c) Guhamya cyangwa gutanga ubuhamya bisobanura kubwira abandi:
   a) ibyo wiga mu bitabo.
   b) ibyo umuntu yakubwiye.
   c) ibyo wiboneye cyangwa wiyumviye.
3. Soma Yohani 1:40-41.
   a) Andereye yahuye n'umuvandimwe we. Umuvandimwe we yitwaga nde?
   b) Andereya yabwiye Petero ngo, "Twabonye Mesiya." Ni nde wajyanye umuvandimwe we kuri Yeus?

| |
|---|
| Andereya yabaye umuhamya. Yabaye **umurobyi** w'abantu. |

4. Soma Yohani 6:28-29. Wizera Yesu Kristo, ari na we **Mesiya**? (yego cyangwa oya)

| |
|---|
| Ibi ni byo Imana ishaka ko dukora. Uyu ni umurimo w'Imana. (Yohani 6:28-29) |

5. Soma Yohani 15:16.
   a) Ni iki Imana ishaka ko abakristo **bera**?
   b) Ni ryari **twera** imbuto?

| |
|---|
| Tuba **abarobyi** b'abantu iyo **twera** imbuto. |

6. Ushobora kuba **umurobyi** w'abantu kandi **ukera** imbuto.
   a) Ni ikihe kintu gikomeye cyakubayeho?
   b) Ushobora kwandika igisubizo cyawe mu nteruro imwe?

c) Hari uwo wabwiye ibi? (yego cyangwa oya)
d) Ni gute abakristo barushaho kuba beza mu bandi?

| |
|---|
| Ubu ni uburyo bumwe abakrisyo bashobora **kwera** imbuto. |

7. Soma Matayo 28:18-19. Ni bande Yesu adusaba guhindura abigishwa?

| |
|---|
| Hanyuma, tugomba **kubabatiza**. **Umubatizo** ni uburyo bumwe bwo guhamya. Umubatizo wereka abandi bantu ko turi abakristo. |

8. Soma Ibyakozwe n'intumwa 8:12 na 8:35-38.

a) Ni ryari abakristo ba mbere **babatijwe**?

| |
|---|
| Ibi byerekanye ko bizeye Yesu, **Mesiya**. |

**b) Warabatijwe**? (yego cyangwa oya)
c) Niba utarabatizwa, urabitekerezaho? (yego cyangwa oya)

9. Soma umurongo wo gufata mu mutwe. (Matayo 4:19) Yesu yavuze ko azatugira abaki?
10. Nkwiye kwitegura guhamya Yesu. (1 Petero 3:15) Ngomba guhora niteguye gutanga iki?

| |
|---|
| Ngomba guhora niteguye gusubiza ibibazo bijyanye n'ibyo nizera. Ngomba guhora niteguye **guhamya** Imana. |

11. Soma Ibyakozwe n'intumwa 17:16-17 na 20:20. Ni iyihe ntumwa yahuye n'abantu mu **isinagogi** no mu isoko?

| |
|---|
| Uyu munsi nawe ugomba kwitegura guhamya ahantu hose. |

12. Soma Yohani 14:6.

d) Kuki tugomba guhamya Yesu Kristo?
e) Yesu avuga ko ari nde?

| |
|---|
| Nta muntu wajya kwa Data atanyuze kuri Yesu Yesu ni we nzira yonyine tuboneramo ubugingo buhoraho. |

13. Nshobora **guhamya** Yesu Kristo. Ni iki nabwira umuntu utamuzi? Igisubizo ni ikihe muri ibi byo hasi? (a, b, c, d, cyangwa e)

a) Igihembo cy'ibyaha ni urupfu. Ariko impano y'ubuntu y'Imana ni ubugingo buhoraho. (Abanyaroma 6:23)
b) Abantu bose bakoze ibyaha. (Abanyaroma 3:23)
c) Ezayi 53:6 vauga ngo: "Twese twabuyeraga nk'intama zazimiye, buri wese yanyuraga mu nzira

yishakiye, Uhoraho yamugeretseho ibicumuro byacu twese." Ibi bisobanura ko Yesu yapfuye mu cyimbo cyacu kubera ibyaha byacu.

d) Abizera Yesu, **Mesiya** ni abana b'Imana. (Yohani 1:12)

e) Dukwiye kuvuga ibi byose (byose a, b, c na d birakenewe).

14. Soma Ibyakozwe n'intumwa 14:21-22.

a) Ni gute twafashe abakristo bashya?

b) Mbese twababafasha kuba abakristo bakomeye? (yego cyangwa oya)

**c) Twabatera intege** zo gukomeza kuba abanyakuri mu kwizera Imana kwabo. (yego cyangwa oya)

15. Ufite **ubuhamya**. Abakristo bagomba kuvuga ibintu bitatu mu buhamya bwabo:

- Uwo nari we mbere yo kuba umukristo.
- Uko nabaye umukristo.
- Icyo Yesu asobanuye kuri njye.
- Uko Yesu ari inshuti yanjye.

a) Wakwandika ubuhamya bugufi wabwira inshuti yawe?

b) Hari abantu uzi batari abakristo? (yego cyangwa oya)

c) Wakwandika amazina ya batatu muri bo?

| |
|---|
| Bashobora kuba ari abo mu muryango wawe cyangwa inshuti zawe. Bashobora kuba aria baturanyi cyangwa abantu mukorana. |

d) Mbese wasengera abo bantu? (yego cyangwa oya)

e) Mbese **wabaha ubuhamya**? Babwire ubuhamya bwawe? **Wabatera inte**? Waba inshuti yabo? (yego cyangwa oya)

Wize ko abakristo bose bagomba gutanga ubuhamya. Ariko ushobora gutinya kuba umuhamya. Ni nde uzagufasha nugira ubwoba? Ni nde uzaguha imbaraga zo kuvuga? Isomo rikurikira rizatanga umucyo kuri ibyo bibazo wibaza.

## URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. umubatizo (*izina*): igikorwa kidasanzwe cyangwa umuhango ukoresha amazi ku mukristo mushya; (Umubatizo werekana ko umuntu yizeye Yesu nk'Umukiza. Mu mubatizo abantu bashobora guhitamo kwibizwa mu mazi. Cyangwa bagahitamo gusukwaho amazi ku gahanga.)
2. kubatiza (*inshinga*): gukoresha amazi ku bakristo bashya mu gikorwa kidasanzwe cyangwa umuhango; (Reba ubusobanuro bw'umubatizo.)
3. kwera imbuto (*interuro nshinga*): fasha abandi bantu kumenya no kwakira Yesu nk'Umukiza; bafashe kwizera Yesu.
4. gutera intege (*inshinga*): gukoresha amagambo cyangwa ibikorwa kugira ngo umuntu yiyumve neza mu buryo bw'umwuka; kumuremamo icyizere; gufasha umuntu cyangwa kumuyobora.
5. abarobyi b'abantu (*izina rirerire*): abakristo bahamya Yesu Kristo; abantu bafasha abandi kumenya Yesu.
6. kuroba abantu (*interuro nshinga*): guhamya Yesu Kristo; gufasha abandi kumenya Yesu.
7. Mesiya (*izina bwite*): Yesu Kristo; uwatumwe n'Imana ku isi ngo abe Umukiza.

8. isinagogi (*izina*): urusengero cyangwa ahantu ho gusengera ku Bayudi.
9. ubuhamya (*izina*): amagambo agaragaza icyo Yesu asobanura ku muntu; (Akenshi umuntu atanga ubuhamya mu rusengero.)
10. guhamya (*inshinga*): kuvuga icyo Yesu Kristo yagukoreye; guhamya Yesu nk'Umukiza.
11. umuhamya (*izina*): umuntu uvuga icyo Yesu yamukoreye.

Isomo rya 7

# ABAKRITO BAGOMBA KUZURA UMWUKA WERA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe*

"Mwuzure Mwuka w'Imana" (Abanyefezi 5:18).

Umukristo akwiye kuvuga ngo: "Nshaka gukorera Imana byinshi. Ariko ndi umunyantege nke. Nkeneye izindi mbaraga. Kugira ngo mbashe gukorera Imana byinshi." Igisubizo ni kimwe kuri iki cyifuzo. Umukristo agomba kuzura Umwuka Wera. Intumwa Pawulo yaravuze ngo, "mwuzure Umwuka w'Imana." (Abanyefezi 5:18)

1. Yesu Kristo yigishije abigishwa be. Yababwiye ibya Mwuka Wera. Yohani yanditse bimwe mu byo Yesu yigishije. Soma Yohani 7:38-39. Yesu yavuze ko umukristo yakira nde?

| |
|---|
| Umwuka Wera aza mu buzima bw'umukristo. |

2. Soma Yohani 14:26. Ni nde uzatwigisha?

| |
|---|
| Umwuka Wera ni **umujyanama**. **Umujyanama** ni umuntu udutega amatwi. Ni nk'umufasha. Adufasha mu bibazo byacu. Umwuka Wera ni **Umujyanama** w'Imana. |

3. Soma Yohani 15:26. Umwuka Wera ni Umwuka w'Ukuri. Mbese ibi bisobanura ko adashobora kubeshya? (yego cyangwa oya)
4. Avuga nde?

| |
|---|
| Soma Yohani 3:3-5. Umwuka Wera akorera mu mitima y'abantu. Akorana natwe iyo tumaze **kuvuka ubwa kabiri**. Kandi, akorana natwe iyo tubyawe n'amazi n'Umwuka. |

5. Soma Ibyakozwe n'intumwa 1:8. Umwuka Wera yahaye abigishwa imbaraga zo gukora iki?
6. Soma Ibyakozwe n'intumwa 9:17. Sawuli [Intumwa Pawulo] yakiriye Yesu Kristo nk'Umukiza. Hanyuma se, ni nde wambwiye Sawuli "kuzura Umwuka w'Imana"?
7. Soma 1 Abanyakorinto 3:1 na 3:3. Abakristo bo mu itorero ry'i Korinto bari bafite ibibazo byinshi. Ibi bibazo byababuzaga kuzura Umwuka Wera. Ntibabanaga neza n'abandi bantu. Bateranaga amagambo. Bari bafite imyitwarire mibi. Ibi byagaragazaga ko bameze bate?
8. Soma 1 Petero 1:2. Umwuka Wera akorera mu bakristo mu buryo budasanzwe. **Umwuka Wera** akuraho ibitubuza gutunganya cyangwa kwera. Hanyuma tukabaho tunezeza Imana. Uyu murimo udasanzwe Petero awita "umurimo wa Mwuka wo **kwezwa**." Ni gute Yesu Kristo yashoboye ibyo?
9. Soma Yohani 17:17.

    a) Ni iki Yesu Kristo yasabiye abigishwa Be?

| |
|---|
| Yesu yasabye Imana ko **yaberesha** ukuri. |

b) Mbese Yesu yagusengeye iri sengesho? Niba yararigusengeye, ryandike ariko wandikeho izina ryawe.

10. Soma Ibyakozwe n'intumwa 15:8-9. Ijambo **kwezwa** risobanura gukurwaho ibyaha. Imana yahaye abakristo ba mbere **Umwuka Wera**. Umwuka Wera **yeresheje** iki imitima yabo?
11. Soma 1 Abanyatesalonike 5:23. Iri ni isengesho ry'abakristo bose. Pawulo yasenze ko abakristo bose bakomeza **kwezwa**. Ibi bisobanura ko Imana **izatweza** rwose cyangwa **izatweza** mu buryo bwuzuye. Ni nde uzatunganya imitima n'ubuzima bwacu?
12. Pawulo yaravuze ngo, "Bityo rero nimucyo twiyeze, twivaneho ikintu cyose gishobora kuduhumanya imibiri cyangwa imitima, twihatire kuba abaziranenge rwose." (2 Abanyakorinto 7:1) Ni iyihe nteruro mu zo hasi itajyanye n'uyu murongo? (a, b, c, cyangwa d)

a) Dukwiye kureka gukora ibintu bibabaza imibiri yacu.
b) Ntidushobira **gutungana** muri ubu buzima.
c) Tugomba kugerageza kubaho nka Yesu Kristo. Tugomba kuba abera uko dushoboye.
d) Dukwiye kureka ibikorwa, ibitekerezo n'imyitwarire bidatunganye.

13. Soma Abanyaroma 8:2. Amategeko y'Umwuka w'ubugingo aratubohora. Tubohorwa iki?
14. Soma 1 Abanyakorinto 13:13. Abakristo bagomba kugaragaza kwizera, ibyiringiro, n'urukundo. Ni ikihe kiruta ibindi muri ibi bitatu?
15. Soma Abanyaroma 5:5. Urukondo rw'Imana rutugeraho gute?
16. Soma Abanyaroma 8:4. Abakristo **bejejwe** buzura Umwuka Wera. Ntibongera kwifuza kuyobora na kamere **y'ibyaha**. Ahubwo bifuza kuyoborwa n'iki?

Nuko, kamere **y'ibyaha** ntiyongera kuyobora ubuzima bwabo. Imitima yabo iba **yaratunganijwe**. Umwuka Wera abaha ubundi buryo bushya bwo kubaho. Abaha imbaraga zo kumvira Imana.

Umwuka Wera akorera mu bakristo mu buryo bwinshi. Atunganya ubuzima bwabo akabakuraho ibyaha. Atunganya umutima ugengwa na kamere **y'icyaha**. Aha abakristo imbaraga zo kubaho ubuzima bwo kwezwa. Abafasha guhamya Imana. Ariko mbere ya byose, hari icyo abakristo bagomba gukora. Bagomba gusaba Umwuka Wera kuzura ubuzima bwabo. Bagomba kwiyegurira Imana byuzuye.

17. Wowe n'Umwuka Wera.

a) Waba warasabye **Umwuka Wera** kukuzura? (yego cyangwa oya)
**b) Umwuka Wera** yaje kuzura ubuzima bwawe? (yego cyangwa oya)
c) Niba ari oya, urabitekerezaho? (yego cyangwa oya)

18. Wifuza ko **Umwuka Wera** yuzura ubuzima bwawe? Niba ari yego, dore ibintu bine ugomba gukora:

- Saba Imana kukuzuza **Umwuka Wera.** (Luka 11:13)
- Egurira Imana ubuzima bwawe bwose. (Abanyaroma 12:1-2)
- Bwira Imana ko ukeneye gutunganywa no kwezwa mu mutima. (Ibyakozwe n'intumwa 15:8-9)
- Akira **Umwuka Wera** umuheshejwe no kwizera. Izere Imana kugira ngo **ikweze**. Yizere kugira ngo ikore ibyo yasezeranye. (1 Abanyatesalonike 5:23-24)

## URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. kubyarwa ubwa kabiri (*ntera*): bisobanura umukristo cyangwa uwizeye; umuntu wakijijwe ibyaha,
2. umujyanama (*izina*): umuntu utega amatwi abantu kandi ubafaha mu bibazo byabo; Umujyanama

(*izina bwite*): Umwuka Wera; Umwuka w'Imana; (Umwuka Wera nk'Umujyanama wacu udufasha mu bibazo byacu. Ni umufasha udasanzwe w'abakristo bose.)

3. Umwuka Wera; Umwuka w'Imana; Umwuka (*izina bwite*): uwa gatatu mu bagize ubutatu bw'Imana; **Umujyanama**; umufasha; (Imana ni Imana ikorera mu butatu: Data, Umwana, n'Umwuka Wera. Umwuka Wera akomeza umurimo wa Yesu Kristo mu isi. Umwuka Wera adushoboza kandi akadufasha kumenya Imana.)
4. gutunganywa (*inshinga*): kugirwa utunganye kandi utagira ibyaha; kutagira ibyaha mu mutima; (Imitima n'ubuzima bwacu bitunganywa na Mwuka Wera.)
5. kwezwa; kweza (*inshinga*): kugirwa utunganye n'uwera; kwegurirwa Imana; gutandukana n'ibyaha no kuba uw'Imana.
6. kamere y'ibyaha (*izina rirerire*): umutima mubi utuma umuntu akora ibyaha kandi ntiyumvire Imana.

Isomo rya 8

# ABAKRISTO BABA MU MURYANGO W'IMANA

*Umurongo wo Gufata mu Mutwe*

> "Twirinde kubura mu **materaniro**, nk'uko bamwe babigize akamenyero. Ahubwo turusheho gukomezanya." (Abeheburayi 10:25).

Abakristo bose bagize umuryango w'Imana. Imana ni Data wo mu ijuru. Abakristo ni abavandimwe mu muryango w'Imana. Uwo muryango witwa **Itorero**. Suzuma niba wereka urukundo rwinshi umuryango wawe mushya.

1. Bibiliya ivuga ku bantu bakurikira Yesu Kristo. Soma Ibyakozwe n'intumwa 11:26. Abantu bizera Yesu ni bantu ki?
2. Soma 1 Abanyakorinto 12:27. **Itorero** ryitwa iki?

> Ingingo z'imibiri yacu zikorera hamwe **Itorero** rikwiye gukorera hamwe nk'umubiri wa Kristo.

3. Soma Abanyefezi 5:23. Ni nde mutwe w'**Itorero**?

> "Umutwe" bisobanura Umuyobozi.

4. Soma Abanyefezi 5:25. **Itorero** ryari ingenzi cyane kuri Yesu Kristo. Kuki Yesu Kristo yapfiriye ku musaraba?
5. Abanyefezi 5:24 havuga ko **Itorero rigandukira Kristo Kuganduka** bisobanura kumvira Kugira ngo mbe mu **Itorero** Rye, ni nde ngomba kumvira?
6. Soma 1 Abanyakorinto 4:17. Ni he Pawulo yigishirije ibya Kristo?
7. Igitabo cya Yohani harimo ukuri kuvuga ku **Itorero**. Soma Yohani 13:35. Ni gute abantu bazamenya ko uri mu **Itorero**?
8. Soma Yohani 21:16. Ni iki umushumba akwiye gukorera intama ze?

> Rimwe na rimwe, umushumba tumwita uwmungeri w'intama. Ibi bisobanuye ko umushumba ari umuyobozi w'**Itorero**.

9. Abakristo bibuka Yesu Kristo mu buryo budasanzwe. Soma 1 Abanyakorinto 11:23-26. Iyi mirongo ivuga ku Igaburo ry'Umwami. Igaburo ry'Umwami ni iry'abantu bose b'abakristo. Bizeye Yesu kugira ngo abakize. Ni ibiki muri ibi bikurikira dukwiye kwibuka mu gihe cy'Igaburo ry'Umwami? (a, b, c, cyangwa d)
    a) Twibuka imibabaro n'urupfu bya Yesu.
    b) Twibuka ko Yesu yapfiriye ibyaha byacu byose.
    c) Twibuka ko Yesu ari hafi kugaruka ku isi.
    d) Tugomba kwibuka ibi byose (byose a, b na c tugomba kubyibuka).

10. Soma Abanyagalatiya 6:2. Ni gute nafasha abandi bantu bo mu itorero ryanjye?

11. Soma 1 Abanyakorinto 12:4 na 7. Ni nde uha abantu impano zidasanzwe? Nuko rero, abantu bose mu itorero bashobora gufashwa.

12. Amatorero amwe arakomeye kandi agira urukundo. Ayandi si ko ameze. Muri aya matorero akurikira, ni irihe wifuza kubamo? (a cyangwa b)

    a) Itorero ry'i Yerusalemu. (Ibyakozwe n'intumwa 4:32-33)
    b) Itorero ry'i Lawodekiya. (Ibyahishuwe 3:14-17)

13. Soma Ibyakozwe n'intumwa 2:42. Abakristo ba mbere bamaraga igihe biga iki ku ntumwa?

> Bari bafitanye n'**ubusabane**. **Bamanyuraga** umutsima bari hamwe.

14. Abeheburayi 10:25 hasobanura iki? Uyu murongo utubwira gukora iki?

> Ntidukwiye kwirengagiza guteranira hamwe. Tugomba guterana intege.

15. Wumva ukwiye kuba mu itorero? (yego cyangwa oya) Niba ari yego, kubera iki?

16. Wizeye Imana kugira ngo ubone **agakiza**. Ubu uri mu muryango w'Imana. **Wabaye umwe** na Yesu Kristo cyangwa wunzwe na we. Ufitanye **ubumwe** n'abandi bakristo bose muri Yesu Kristo. Ukwiye kureba uko wagira itorero. Ubu **busabane** ni ingenzi ku bakristo. Itorero ryawe ryagufasha gukura mu kwizera kwawe gushya. N'umushumba wawe yagufasha gukura. Muri ibi bikurikira ni iki kivuga ukuri kuri wowe? (a, b, cyangwa c)

    a) Namaze kuba mu itorero.
    b) Sindaba mu itorero.
    c) Ndatekereza kuba mu itorero.

> Wamaze gusoza inyigisho za Biiliya. Ahazaza hawe uzabaho neza nukomeza kugendana n'Imana! Ibuka:
>
> • *Kwizera Imana no kubaho ku bwayo.*
> • *Gusoma Ijambo ryayo no kuyigiraho.*
> • *Kuvugana na yo mu isengesho. Ayo ni amahirwe ufite.*
> • *Gukorera Imana. Gusangira ubuzima bwawe na yo ndetse n'abandi.*
> • *Guhamya ibyo Imana yagukoreye muri Yesu.*
> • *Kwegurira Imana ubuzima bwawe bwose. Hanyuma, ugasaba Umwuka Wera kuzura ubuzima bwawe.*
> • *Kujya mu itorero no* **gusabana** *n'abizeye.*

## URUTONDE RW'AMAGAMBO

1. bamanyuraga umutsima (*interuro nshinga*): baryaga ibiryo; bisobanura kandi Igaburo ry'Umwami.
2. Itorero (*izina bwite*): abizeye Yesu Kristo bose; abakristo bose; abantu bose bakijijwe ibyaha; abantu bose bizeye Imana kugira ngo ibakize.
3. urusengero (*izina*): inyubako cyangwa ahantu abakristo bahurira kugira ngo basenge; iteraniro ry'abizeye b'abakristo.
4. ubusabane (*izina*): kugirana ubushuti n'abantu no gusangira byose; ubuzima bwo mu Itorero abakristo basangira muri Yesu Kristo.
5. Igaburo ry'Umwami (*izina bwite rirerire*): uburyo budasanzwe abakristo bibukamo urupfu rwa Yesu; (abakristo basangira Igaburo ry'Umwami mu bihe runaka iyo bateraniye hamwe. Igaburo ry'Umwami ryitwa kandi Gusangira.)
6. umushumba (*izina*): umuyobozi w'itorero cyangwa w'abizeye **bateranira hamwe**; (umushumba akorera Imana mu itorero. Abwiriza Ijambo ry'Imana. Afasha abakristo gukura mu kwizera kwabo.)
7. agakiza (*izina*): igikorwa cy'Imana ikora kugira ngo ikize abantu ibyaha.
8. rigandukira (*inshinga*): ryumvira; ryiyegurira cyangwa rikora ubushake bw'undi muntu.
9. kunga ubumwe (*inshinga*): kwifatanya; kuba hamwe nk'umubiri umwe mu Itoreor.

Umugereka

# Ibisubizo by'ibibazo

Dore ibisubizo bishoboka ku bibazo by'aya masomo. Uzasangamo ibindi bisubizo bishoboka mu dukubo. Nawe ushobora gutekereza ibindi bisubizo by'ukuri.

### Isomo rya 1

1. yego
2. (a) Yesu (Kristo); (b) wowe (njyewe, undi muntu, abantu bose, umuntu uwo ari we wese); (c) kumwakira; (d) azinjira; (e) igisubizo cy'umuntu ku giti cye
3. yego
4. (a) Kubera ibyaha byabo; (b) yego; (c) igisubizo cy'umuntu ku giti cye
5. Kristo (Yesu)
6. izatubabarira ku buntu
7. (a) ikibi; (b) kubihagarika; (c) izatubabarira ku buntu (imbabazi)
8. c (ngomba kwizera Yesu Kristo kugira ngo ankize.)
9. (a) imirimo myiza; (b) oya
10. Data (Imana, Imana Data)
11. yego
12. (a) yego; (b) yego; (c) ijuru
13. yego cyangwa oya – igisubizo cy'umuntu ku giti cye. Niba ari yego, urugero: "nihannye ibyaha byanjye. Yesu ni Umukiza wanjye. Yesu yarankijije." Ibindi bisubizo bishoboka.

### Isomo rya 2

1. (a) yego; (b) yego; (c) Yesu (Kristo); (d) yego; (e) yego
2. umwanzi (Satani)
3. yaramugerageje
4. oya
5. kurwanya umwanzi (kwamagana umwanzi, kutumvira umwanzi, kumvira Imana)
6. kwica amategeko y'Imana (kudakora ibyiza, kutumvira Imana)
7. yego
8. (a) igisubizo cy'umuntu ku giti cye. Urugero,: "Singomba gukora ibyaha (gukomeza gukora ibyaha, gukomeza gucumura); (b) oya
9. a (Imana izamfasha kurokoka ikigeragezo.)
10. Kugira ngo tudakora ibyaha.
11. c (kwaturira Yesu ibyaha no kwihana)
12. yego
13. urukundo
14. intama (abakristo; abizeye)

**Isomo rya 3**

1. yego
2. yego
3. ibisubizo byose ni “yego”
4. (a) yararikomeje (kumvira); (b) yego; (c) bararyumva (kwemera; kwizera; kumvira; kurishyira mu bikorwa); (d) yego; (e) Azaryumvira (kurikomeza, kurigumamo); (f) yego; (g) kumvira Imana; (h) yego
5. urukundo
6. (a) yego; (b) ubugingo
7. (a) inkota; (b) Ijambo (inyigisho)
8. (a) Yasubiyemo Ibyanditswe; (b) Bitubwira ibyo Imana ishaka.
9. (a) Itubwira amategeko y’Imana; (b) kugira ngo twibuke amategeko y’Imana
10. byose ni ibisubizo by’umuntu ku giti cye
11. igisubizo cy’umuntu ku giti cye
12. igisubizo cy’umuntu ku giti cye. Urugero: gukura nk’umukristo, kumenya ubushake bw’Imana, gusaba ubufasha ako kanya (ibindi bisubizo birashoboka)

**Isomo rya 4**

1. mu gitondo (ku manywa)
2. buri gihe
3. gushima
4. (a) ibyaha (ibicumuro; ibibi); (b) oya
5. (a) yego; (b) twemeranya n’ibyo Imana ishaka (bihuye n’ubushake bw’Imana)
6. (a) gusenga; (b) yego; (c) Data; (d) kubana na Yesu (kugumana na we)
7. kwizera
8. ibisubizo by’umuntu ku giti cye
9. kuba maso no gusenga
10. c (kumubwira uko twiyumva mu mitima yacu.)
11. ibisubizo by’umuntu ku giti cye
12. ibisubizo by’umuntu ku giti cye

**Isomo rya 5**

1. (a) n’umutima wanjye wose, ubugingo bwanjye bwose, n’ubwenge bwanjye bwose (b) nk’uko nikunda (njyewe)
2. byombi bisaba kumvira (gushyira mu bikorwa, gukomeza; gukora) amategeko y’Imana
3. (a) karapfa; (b) Mbone ubugingo buhoraho (nyakuri, bushya); azamuha ikuzo
4. w’Imana
5. ikintu cyose; byose
6. (a) Kutiba; (b) Gukora imirimo myiza, (d) Gusangira n’abakene n’abatishoboye
7. urukundo, ineza
8. abatizera (abatemera Yesu)

9. (a) Umwuka Wera; (b) Ubu ndi uw'Imana.
10. bene Data (bene Data, abandi)
11. iby'isi
12. Yesu yishyuye (yanguze) ikiguzi kinini.
13. (a) ubwami bw'Imana; (b) gukiranuka kw'Imana (ibyo Imana ishaka)
14. ubugingo buhoraho (ubuzima bw'iteka)
15. igisubizo cy'umuntu ku gite cye

**Isomo rya 6**

1. ibyo Yesu yamukoreye byose
2. (c) ibyo ubona n'ibyo wumva
3. (a) Petero; (b) Andereya
4. igisubizo cy'umuntu ku giti cye
5. (a) imbuto; (b) iyo duhamya (guhamya)
6. byose ni ibisubizo by'umuntu ku giti cye
7. abantu bose bo hirya no hino (abandi)
8. (a) igihe bizeraga; (b) igisubizo cy'umuntu ku giti cye; (c) igisubizo cy'umuntu ku giti cye
9. abarobyi by'abantu
10. igisubizo (ubuhamya bwanjye)
11. Pawulo
12. (a) Kuko Yesu ari we nzira, ukuri n'ubugingo; (b) Yesu ni we utuyobora kuri Data
13. e (dukwiye kuvuga ibyo byose)
14. (a) igisubizo cy'umuntu ku giti cye; (b) yego; (c) yego
15. igisubizo cy'umuntu ku giti cye
16. ibisubizo by'umuntu ku giti cye

**Isomo rya 7**

1. Umwuka (Wera)
2. Umwuka (Wera) (Umujyanama, Umufasha, Uhumuriza)
3. yego
4. Yesu Kristo
5. guhamya (kuba umuhamya)
6. Ananiya
7. Bari ab'isi (ab'isi; nk'abantu bakunda iby'isi)
8. ku bw'amaraso (urupfu) rwa Yesu
9. (a) kwezwa (yabeguriye Imana); (b) igisubizo cy'umuntu ku giti cye
10. kwizera (kwizera Yesu)
11. Imana
12. b (Ntidushobora gutunganywa muri ubu buzima.)
13. (amategeko y') ibyaha

14. urukundo
15. Umwuka Wera
16. Umwuka (Umwuka Wera)
17. ibisubizo by'umuntu ku giti cye
18. ibisubizo by'umuntu ku giti cye

**Isomo rya 8**

1. itorero (abantu); abizeye (abigishwa, abayoboke); abakristo
2. umubiri (wa Kristo)
3. Kristo (Yesu)
4. kugira ngo atubere Umukiza
5. Yesu (Imana)
6. mu matorero
7. urukundo (gukundana)
8. kuzitaho (kuziyobora)
9. d (Dukwiye kwibuka ibyo bintu bitatu byose.)
10. kubafasha kwikorera imitwaro yabo (n'ibibazo byabo)
11. Umwuka (Wera)
12. a (itorero ry'i Yerusalemu ni amahitamo emza.)
13. inyigisho (inyigisho nzima)
14. gushishikarizanya guteranira hamwe
15. (ibisubizo by'umuntu ku giti cye – ariko ibindi bisubizo bishoboka ni: kuramya Imana; gukura nkakomera igihe nteranye n'abandi bizeye; gufashwa n'abandi bakristo; kumenya byinshi byerekeye Imana)
16. ibisubizo by'umuntu ku giti cye